

Kujya mu rukiko

Guhamagara urutonde rw'ababuranyi. Mu nkiko nyinshi hari imanza zishyirwa hamwe zikaburanishirizwa igihe kimwe. Abacamanza bahamagara amazina y'ababuranyi bose bari ku rutonde n'imanza zabo kugira ngo harebwe abitabiriye, hanyuma buri rubanza rukagira igihe cyarwo cyo kuburanishwa n'umucamanza. Niba urubanza rwawe ruri buburanishwe binyuze kuri Zoom, umucamanza n'ubundi azareba abitabiriye hanyuma aburanishe urubanza ku rundi.

Ubuhuza. Mu gihe urubanza rwawe ruhamagajwe, umucamanza ashobora gusaba ababuranyi niba bifuza kurangiza ikibazo cyabo binyuze mu buhuza. (Abahuza bashyirwaho n'urukiko baba bahari ku munsu w'urubanza.) Umuhuza ni umuntu ufasha ababuranyi kureba uburyo barangiza ikibazo cyabo mu bwumvikane. Umuhuza ntajya abogama. Iyi serivisi ni ubuntu. Mu gihe ikibazo cyanyu mukirangije binyuze mu buhuza, amasezerano mugirana ahabwa umucamanza kugira ngo arebe ko akwiye. Mu gihe mutabashije gukemura ikibazo cyanyu binyuze mu buhuza, umucamanza aburanisha urubanza rwanyu.

Iburanisha. Ababuranyi bombi bitaba umucamanza. Umucamanza abaza urega impamvu yaje mu rukiko ndetse akanamusaba gusobanura ikirego cye. Hanyuma yarangiza agasaba uregwa gusobanura impamvu yumva urega atagomba gutsinda urubanza. Impande zombi zishobora kwerekana amafoto cyangwa se inyandiko nka sheki zasibwe cyangwa inyandiko zo guhemberwaho, abatangabuhamy bashobora kandi gutanga ubuhamy.

Icyemezo cy'umucamanza. Nyuma yo kumva impande zombi, umucamanza afata umwanzuro w'utsinze urubanza. Umucamanza ashobora gutangaza icyemezo cy'urukiko ako kanya nyuma y'iburanisha cyangwa se akazacyohereza nyuma binyuze kuri e-mail, amaze gusuzuma ibimenyetso byatanzwe n'ababuranyi cyangwa se gukora ubushakashatsi bushingiye ku mategeko. Icyemezo cy'umucamanza cyitwa "Umwanzuro w'urukiko"

Guhabwa kopi y'umwanzuro w'urukiko

Mu gihe urega atsinze urubanza hanyuma uregwa ntiyishyure cyangwa se ngo yubahirize ibisabwa n'umwanzuro w'urukiko, urega ashobora kongera kurega mu rukiko uregwa agasaba ko habaho "urubanza rwo gutanga amakuru" kugira ngo hakorwe gahunda yo kwishyura. Abaregwa akenshi basabwa gutanga inyandiko zigaragaza imitungo yabo. Iburanisha ryo gutanga amakuru rishobora gutegurwa binyuze mu:

Guha urundi ruhande imenyesha ry'iburanisha ry'ibirego byoroheje (ifishi numero SC-004) – (umwanditsi w'urukiko azakubwira itariki ushyiramo),

CYANGWA SE

Mu gihe udateganya gutanga ibirego birenze 3 mu kwezi kumwe bijyanye n'iburanisha ryo gutanga amakuru, koherereza umwanditsi w'urukiko ifishi isaba iburanisha ry'ibirego byoroheje (ifishi ya SC-003) hamwe n'Inyandiko ihamwa ndetse n'ifishi yo gusaba kumenyesha urundi ruhande itangwa ry'ikirego (ifishi ya SC-006). Umwanditsi w'urukiko akenera aya mafishi kugira ngo ategure imenyesha ry'iburanisha ryo gutanga amakuru anyohereze uregwa.

Kujuririra urubanza

Buri ruhande mu baburana rushobora kujuririra icyemezo cy'umucamanza mu gihe cy'iminsi 30 uhaye igihe urukiko rwafashe umwanzuro rwohereza ifishi yo kujurira (ifishi ya SC-007). Ushobora gusaba iyo fishi ku mwanditsi w'urukiko cyangwa se ukayikura ku rubuga rw'Ishami ry'Ubucamanza.

Ku bindi bisobanuro ku gutanga cyangwa gusubiza ikirego kirebana n'ibirego byoroheje, saba umwanditsi w'urukiko inama ku gutanga ikirego ku birego byoroheje cyangwa se usure urubuga rwa interineti: www.courts.maine.gov/help/small-claims



Incamake ku
Rukiko rwakira ibirego
byoroheje

www.courts.maine.gov

Kuregera Urukiko rwakira ibirego byoroheje ni uburyo bworoshye, bwihuta kandi budatwara amafaranga menshi bwo kwishyura binyuze mu rukiko amafaranga agera ku bihumbi 6.000 by'amadolari ya Amerika.

Uburyo batanga ikirego ku kibazo cyoroheje

Ushobora kubona amafishi yo gutanga ikirego ku kibazo cyoroheje ku mwanditsi w'urukiko rw'akarere urwo ari rwo rwose cyangwa se unyuze ku rubuga rwa interneti rw'Ishami ry'ubucamanza kuri: www.courts.maine.gov/forms.

Hari inzira enye zo gutanga ikirego ku kibazo cyoroheje:

1. Uzaza ifishi.
2. Menyesha urundi ruhande ruregwa.
3. Tanga ikirego cyawe mu rukiko rw'akarere.
4. Itabire iburanisha.

Intambwe ya 1: Uzaza ifishi igaragaza imiterere y'ikirego (ifishi ya SC-001). Wowe witwa urega, uwo urega yitwa uregwa. Ku ifishi, sobanurira urukiko impamvu uwo urega akurimo amafaranga unabatangire ibisobanuro birambuye. Uzaza ahasigaye hose ku ifishi hanyuma uyisinye.

Intambwe ya 2: Menyesha ikirego cyawe uwo urega. Ibi bisobanuye ko ugomba kumenya neza ko uwo urega yamenyeshejwe ko wamureze kandi yahawe amahirwe yo kugusubiza. Reba ku cyiciro cya "Kumenyesha itangwa ry'ikirego" kugira ngo umenye neza uko bikorwa. Igihamba cy'uko wamenyesheje uregwa cyitwa "Inyandiko yemeza imenyeshya ry'itangwa ry'ikirego".

Intambwe ya 3: Tanga ikirego cyawe ku biro by'umwanditsi w'urukiko. Mu gihe cy'iminsi 20 uhagaze igihe uregwa yamenyeshejwe, tanga inyandiko igaragaza imiterere y'ikibazo cyawe n'igihamba cy'uko wamenyesheje uregwa ku rukiko ndetse wishyure n'amadolari 70 ya Amerika yo gutanga ikirego.

Intambwe ya 4: Itabire iburanisha. Umwanditsi w'urukiko azandikira impande zombi azimenyesha itariki n'isaha by'iburanisha ndetse n'aho rizabera. Iburanisha rishobora kuba imbonankubone cyangwa se binyuze kuri Zoom

(iya kure). Mu gihe ubona ko utazashobora kwitabira iburanisha ku itariki yatanze, hita ubimenyesha umwanditsi w'urukiko mu nyandiko kugira ngo iburanisha ryimurwe. Umwanditsi w'urukiko ntashobora kwemera kwimura iburanisha binyuze kuri telefoni.

Imenyeshya ry'itangwa ry'ikirego

Imenyeshya ry'itangwa ry'ikirego ni uburyo umenyeshamo uregwa ko watanze ikirego mu rukiko. Inyandiko ihamya ko wamenyesheje uregwa ko watanze ikirego ni igihamba ku rukiko ko uregwa yamenyeshejwe itangwa ry'ikirego. Imenyeshya ry'urubanza rw'ibirego byoroheje rishobora gukorwa mu buryo bwinshi:

1. Binyuze ku iposita yo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika: Uzabanza usabwe kuzaza ifishi SC-005. Ohereza kopi y'inyandiko igaragaza imiterere y'ikirego, kopi ebyiri z'ifishi numero SC-005, ndetse n'ibashya ifunze neza iriho tembure ubyoherereze uregwa cyangwa se abaregwa. Uregwa agomba gusinya ifishi numero SC-005 hanyuma akongerako akayikohereza kugira ngo uyijyane ku rukiko. Mu gihe utabonye inyandiko yemeza ko uregwa yakiriye imenyeshya ry'itangwa ry'ikirego mu gihe cy'iminsi 20, bizaba ngombwa ko umumenyesha ukoresheje bumwe mu buryo bukurikira.

2. Ukoresheje iposita yo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, ugasaba guhabwa inyandiko yemeza ko ibaruwa woherere yakiriwe. Inyandiko iriho umukono w'uwakiriye yemeza ko ibaruwa yakiriwe (ifishi y'icyatsi kibisi itangwa n'ibiro by'iposita) wohererezwa ni yo ihamya ko inyandiko imenyeshya itangwa ry'ikirego woherere yakiriwe.

3. Itangwa ry'impapuro z'inkiko bikozwe n'umupolisi wo ku rukiko. Vugana n'ibiro by'umupolisi w'urukiko mu karere kawe ku buryo wakoherereza uregwa inyandiko igaragaza ko watanze ikirego. Ugomba kubanza kwishyura iyo serivisi, cyokora ushobora gusaba ko ayo mafaranga wishyuye yongerwa mu yo uzishyurwa nuramuka utsinze urubanza. Ha umupolisi w'urukiko kopi ebyiri z'inyandiko igaragaza ikirego cyawe. Uregwa nawe asigarana kopi imwe. Umupolisi w'urukiko ashyira umukono ku yindi kopi y'iyi nyandiko hanyuma akayikohereza kugira ngo uyibike.

4. Imenyeshya ry'itangwa ry'ikirego rikozwe n'ibiro by'umwanditsi w'urukiko. Ku madolari 15 ya Amerika, umwanditsi w'urukiko ashobora kugerageza koherereza uregwa imenyeshya ry'itangwa ry'ikirego abinyujije mu iposita. Mu gihe utakiriye inyandiko ihamya ko uregwa yamenyeshejwe itangwa ry'ikirego, mu gihe cy'iminsi 20, umwanditsi w'urukiko azakugarurira ibaruwa hanyuma agusabe kumenyesha uregwa ukoresheje bumwe mu buryo butatu bwavuzwe hejuru.

5. Imenyeshya ry'itangwa ry'ikirego rikozwe mu bundi buryo. Mu gihe wifuza kumenyesha uregwa itangwa ry'ikirego binyuze mu bundi buryo, ugomba kubanza kubisabira uburenganzira ku rukiko.

Mu gihe wahawe inyandiko igaragaza itangwa ry'ikirego

Mu gihe wahawe inyandiko igaragaza itangwa ry'ikirego, ugomba kumenya ko urimo gukurikiranwa mu rukiko. icyo gihe witwa Uregwa mu rubanza.

Umwanditsi w'urukiko azandikira impande zombi, uregwa n'urega azimenyesha itariki n'isaha by'iburanisha ndetse n'aho iburanisha rizabera. Iburanisha rishobora kuba imbonankubone cyangwa se binyuze kuri Zoom (iya kure). Mu gihe ubona ko utazashobora kwitabira iburanisha ku itariki yatanze, hita ubimenyesha umwanditsi w'urukiko mu nyandiko kugira ngo iburanisha ryimurwe. Ibiro by'umwanditsi w'urukiko ntibishobora guhindura itariki y'iburanisha kuri telefoni.

Ugomba rwose kwitabira iburanisha! Itegereye gusobanurira umucamanza impamvu zose zishoboka zigaragaza ko utagomba kwishyura urega. Mu gihe utitabiriyemo iburanisha, hazaba hari amahirwe menshi ko uzatsindwa urubanza "utaburanye" ndetse usabwe kwishyura amafaranga yose waregwe.

Gukemura ibibazo. Ushobora gukemura ibibazo binyuze mu kumvikana n'urega, mbere cyangwa se na nyuma y'iburanisha mu rukiko. Imanza nyinshi zikiriye mu buhuza ku rukiko (reba icyiciro kivuga ku "Buhuza"). Ushobora kandi gushaka umwunganizi cyangwa se umujyanama mu by'amategako kugira ngo bakugire inama.